RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority
P.O. Box 1948 Kigali
info@rwandafda.gov.rw
www.rwandafda.gov.rw

Kigali on: 07/09/2021
Ref. N°: DIS/2871/FDA/2021

**Abacuruza Ikinyobwa (Bose)**
**Abadandaza ikinyobwa (Bose)**
**Abaturarwanda**

Bwana/Madamu

**Impamvu: Guhamagaza no guhagarika ikwirakwiza no kunywa ikinyobwa cyitwa SOMAHO Herbal Medicine Soft Drink gifunze mu amacupa ya pulasitike.**

Hashingiwe ku itegeko N°:003/2018 ryo kuwa 09/02/2018 rishyiraho ikigo gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti mu Rwanda (Rwanda FDA), cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8 igika cya 2 n'igika cya 13. Rwanda FDA ishingiye ku igenzura ryakozwe rikagaragaza ko AKIRA Natural Life Ltd ikora ikinyobwa cyitwa **SOMAHO (Herbal Medicine Soft Drink)** itarabiherewe uburenganzira, bakacyita umuti kandi ari inzoga nk'uko byagaragajwe n'ibipimo bya laboratwari, bakanapfunyika mu macupa ya pulasitike;

Hashingiwe kandi ku itangazo rifite numero **DIS/2682/FDA/2020** ryo kuwa **18/11/2020** ribuza gupfunyika inzoga mu macupa ya pulasitike; Rwanda FDA ihagaritse ikwirakwizwa, igurishwa ndetse no kunywa icyo kinyobwa cyavuzwe haruguru.

**Ibiranga ikinyobwa**

| AMAZINA | IZINA RY'URUGANDA |
|---|---|
| SOMAHO Herbal Medicine Soft Drink (Ifunze muri pulasitike)<br>UMUMARO (uko byanditse ku birango):<br>• Uyu muti urinda kanseli zo mu mara n'igifu;<br>• Kurinda umunaniro n'umujagararo w'ubwonko (stress)<br>• Gufasha impyiko gukora neza;<br>• Kurinda uburwayi bwa Prostate;<br>• Kurinda kwipfundika kw'imitsi n'ukwamaraso, kinongera imbaraga. | AKIRA Natural Life Ltd/<br>Tel: 0788407536 |

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

| | |
|---|---|
| ⚠ **ICYITONDERWA!**: Uyu **MUTI** uwufata ubyemerewe na Muganga (Herbalist) | |

**Icyo dusaba gukora**

Ikigo gishinzwe kugenzura ibiribwa n' imiti mu Rwanda; Rwanda FDA irasaba:

1. Abagurishaga (abadandazaga) icyo kinyobwa cyavuzwe hejuru, haba mu tubari, mu ma butike n'ahandi; guhagarika kugicuruza ndetse bakagisubiza aho bakiranguriye,
2. Abaranguzaga icyo kinyobwa cyavuzwe hejuru bose, kwakira ibyo bagaruriwe bakabigeza ku ruganda ndetse no guha Rwanda FDA raporo y' ibyo baranguye n'ibyo basubije mu gihe kitarenze iminsi icumi (10),
3. Abaturarwanda bose kutongera kunywa iki kinyobwa gipfunyitswe mu macupa ya pulasitike.

**Icyitonderwa:** Ku bindi bisobanuro ndetse no kuduha amakuru mwahamagara kuri 9707 (nomero itishyurwa/toll free) cyangwa 0789 19 35 29.

Tubashimiye ubufatanye bwanyu

**Dr. Emile BIENVENU**
**Umuyobozi Mukuru**

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

Amafoto y'ikinyobwa cyakuwe ku isoko

